REPUBLIC OF RWANDA

HIGHER EDUCATION COUNCIL
P.O. BOX 6311, KIGALI - RWANDA

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

ITANGWA RYA "EQUIVALENCE" KU BANTU BIZE IBIJYANYE N'UBUZIMA

Ku wa 26 Ugushyingo 2021,

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amashuri Makuru (HEC) kiramenyesha abaturarwanda by'umwihariko abanyeshuri n'ababyeyi ko byagaragaye ko hari bamwe mu banyeshuri bize ibijyanye n'ubuzima mu mashuri makuru yo hanze y'u Rwanda bashaka "Equivalence" batiyandikishije by' agateganyo mu rugaga rwo mu rwego rw'ubuzima bateganya kuzakoreramo (Indexing) nkuko bisabwa. Abenshi muri abo banyeshiri ntibatsinze neza amasomo abiri (2) asabwa kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwiga mu mashuri makuru yo mu Rwanda (Admission requirements: 2 Principal Passes).

Mu rwego rwo gukemura ibyo bibazo no kugira abakozi bashoboye bo mu rwego rw'ubuzima, Minisiteri y'Ubuzima, ibinyujije muri Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bushinzwe Abakozi bo mu rwego rw'Ubuzima (HRHS), Ikigo k'Igihugu gishinzwe Amashuri Makuru, Ingaga z'Abanyamwuga mu rwego rw'ubuzima (Health Professional Regulatory Bodies arizo: Urugaga rw'Abaganga 'Abaganga b'Amenyo ((RMDC), Urugaga rw'Abakora imirimo ishamikiye k'Ubuvuzi (RAHPC), Urugaga rw'Abaforomo n'Ababyaza (NCNM) n'urugaga rw'abahanga muby'Imiti (NPC)) baramenyesha ibi bikurikira:

1. Abanyeshuri bose bashaka kwiga amasomo ajyanye n'urwego rw'ubuzima bagomba kubanza kwihandikisha by'agateganyo mu rugaga bateganya kuzakoreramo (Indexing) mbere y'uko batangira abasomo yabo. Ibi bireba abiga mu Rwanda kimwe n'abiga mu mashuri yo hanze y'u Rwanda. Kwiyandikisha mu rugaga bizanafasha mu gutegurira abanyeshuri imenyerezamwuga (Internship) mu gihe basoje amasomo yabo.

2. Abanyeshuri bose basoje amasomo ajyanye n'urwego rw'ubuzima mu mashuri yo hanze y'u Rwanda bagomba kubanza gukora ikizamini cy'umwuga (Licensure Exam) mbere yo guhabwa "Equivalence" yo mu Rwanda kandi ikizamini gikorwa mu rurimi rw'icyongereza.

3. Nyuma yo gutsinda ikizamini cy'umwuga (Licensure Exam), Urugaga umukandida yakoreyemo rwemeza (Recommendation) ko yahabwa "Equivalence". Usaba "Equivalence" yerekana "License" yahawe n'urugaga yakoreyemo ikizamini.

4. Umunyeshuri wiyandikisha by'agateganyo mu Rugaga (Indexing) agomba kuba yaratsinze neza amasomo abiri (2Principal Passes) asabwa kwemererwa kwiga mu mashuri makuru mu Rwanda, kuba yarize amasomo ya siyansi (Imibare, Ibinyabuzima, Ubutabire, n'Ubugenge), kandi yaratsinze amasomo y'Ibinyabuzima n'Ubutabire nibura ku buryo bukurikira:

    - **Igarade (Grade) C**: Ku bashaka kwiga amasomo yerekeye Ubuvuzi mu cyiciro cya mbere cya Kaminuza (Advanced Diploma). Umunyeshuri asabwa gukora imyaka ibiri (2) mbere yo gukomeza icyiciro cya kabiri cya Kaminuza (Bachelor).
    - Ibi byatangiye kubahirizwa guhera mu umwaka w'amashuri wa 2021.
    - Amashuri makuru yose afite abanyeshuri biga amasomo yerekeye Ubuvuzi batiyandikishije by'agateganyo (Indexing) bahawe igihe cy'amezi atatu (3) uhereye tariki ya mbere Ukuboza 2021 bakaba babikemuye.

'Equivalence" ni icyangombwa gihabwa umuntu wese wize mu mashuri yo hanze y'U Rwanda, kikagira agaciro nk'ak' Impamyabumyenyi (Diplome) y'uwize mu Rwanda.

Ku yandi makuru mwabaza:

1. **Etienne NDAGIJIMANA**, Umukozi ushinzwe itumanaho mu Kigo gishinzwe amashuri makuru kuri email: endagijimana@hec.gov.rw cyangwa telefoni igendanwa: **0785755997**
2. Mahoro Julien, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Itumanaho mu Buzima (Division Manager for Rwanda Health Communication Centre), Tel: 078860607